

Ibintu 6 ugomba kumenya ku bijyanye n'izamuka ry'imitsindire

Izamuka ry'imitsindire ni iki?

Izamuka ry'imitsindire risuzumwa hagereranywa amanota umunyeshuri yabonye mu mwaka umwe n'ayo yabonye mu mwaka uwukurikira, harebwa igiteranyo cy'amanota buri munyeshuri yabonye mu mashuri abanza no mu mashuri y'ikiciro rusange. Iyo aya manota abarwa ayo mu Kizami cy'Ururimi rw'Icyongereza n'ubuvanganzo (ELA) atandukanywa n'ay'imibare.

Kuki izamuka ry'imitsindire ari ingenzi?

Kugira ngo umunyeshuri arangize amashuri yisumbuye ashobora guhita atangira akazi, buri munyeshuri agomba kugenda azamura imitsindire ye buri mwaka agenda asatira amanota asabwa na leta. Izamuka ry'imitsindire rifasha amashuri abanza n'ikiciro rusange guha umunyeshuri ubumenyi akeneye maze agakomeza gukora neza akabasha kurangiza neza amashuri yisumbuye.

Kuki Leta ya Maine ikurikirana izamuka ry'imitsindire?

Itegeko ry'Amerika Rigamije Kunoza Imyigire ya buri Munyeshuri (ESSA) risaba ko buri leta igira sisitemu y'isizuma ry'imihigo y'ibigo inagaragaza izamuka ry'imitsindire nka kimwe mu bimenyetso by'intambwe iterwa n'amashuri n'imitsindire yayo.

Amakuru aturuka he?

Kuzamura imitsindire bigaragazwa n'amanota abanyeshuri bagize mu Kizami cya Leta ya Maine (MEA). Kuva mu mwaka wa gatatu kugeza mu wa munani, aya makuru ava mu Kizami cya eMPowerME k'imibare ndetse n'Ikizami cy'Ururimi rw'Icyongereza n'Ubuvinganzu (ELA). Izamuka ry'imitsindire ntirirebwa mu mashuri yisumbuye.

Intego ya Leta ya Maine mu bijyanye n'imitsindire ni iyihe?

Iyo umunyeshuri wese asibiye mu mwaka runaka w'amashuri abanza cyangwa mu kiciro rusange bigaragazwa ku ndangamanota igaragaza imitsindire. Ayo manota agereranya imitsindire y'uyu mwaka n'umwaka wabanje, bigateranywa maze hakagaragazwa impuzandengo y'abanyeshuri. Igiteranyo cy'amanota kiri ku ijana kigaragaza urwego rw'imitsindire ku mwaka. Kuri kiciro cy'abanyeshuri kemewe hasuzumwa imitsindire hashingiwe ku Kizami cy'Ururimi rw'Icyongereza n'Ubuvinganzu (ELA) n'ikizami k'imibare.

Imitsindire igaragazwa ite ku ndangamanota y'ishuri?

Ishuri ribanza ryose cyangwa iry'ikiciro rusange ryose rihabwa amanota y'Ikizami cy'Ururimi rw'Icyongereza n'Ubuvinganzu (ELA) n'ikizami k'imibare bitewe n'imitsindire ya buri munyeshuri ugereranyije n'amanota asabwa na leta.